Umwaka wa 59
Igazeti ya Leta n° 35 yo ku wa 09/11/2020

Year 59
Official Gazette *n*° 35 of 09/11/2020

59ème Année
Journal Officiel n° 35 du 09/11/2020

Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. Ishyirahamwe/Association

Association des Commercants Grossistes et Detaillants au Rwanda (ACGDR) ……..…..4

B. Guhindura amazina / Change of Names / Changement de noms
Icyemezo gitanga uburenganzira bwo guhindura izina :

IRAKIZA Emmanuel ……..……..……..……..…35
TUYISENGE Hamilcar Fidele ……..……..……..……...36
HIRWA Gabin Salvin ……..……..……..……..…….....37
IHIMBAZWE Joel ……..……..……..……..……38
HARERIMANA……..……..……..……..……39
NZABONABAMPA Mawazo Esperance ……..……..……..……...…40
IRADUKUNDA……..……..……..……..……41
AFAZARI Jisa ……..……..……..……..……..42
AKEZAKARIGURA Jovense ……..……..……..……....43
AYUBU KASASA ……..……..……..……..……...44
BYAKWELI Ibrahim ……..……..……..……..…….....45
NYIRANGIRIMANA Pascaline ……..……..……..……46
BYUKUSENGE Delphine ……..……..……..……..……47
DUSHIME GATANAZI Dyrckx ……..……..……..……48
FAMIYE……..……..……..……..……49
FURAHA Bienfait ……..……..……..……..……50
GAHUNGA Kelly Gue ……..……..……..……..……....51
UMUHOZA Ancille ……..……..……..……..……52
HABUMUGISHA Herve ……..……..……..……..……..53
NGABONZIZA Diogene ……..……..……..……..……..54

KUBWIMANA……..……..……..……..……..55
HABYARIMANA Emmanuel ……..……..……..……....56
HAKIZIMANA Emmanuel ……..……..……..……..….57
HASANI Chadrack ……..……..……..……..……...58
ISHIMWE BYIRINGIRO CEDRICK ……..……..……..……59
ISHIMWE Peace ……..……..……..……..……...60
KAYIRANGWA Grace ……..……..……..……..……....61
KENGIRI Barbrah ……..……..……..……..……62
KIBWANA Djuma ……..……..……..……..……...63
AYINGENEYE Angelique……..……..……..…….....64

<u>Ingingo z'ingenzi z'impamvu yo gusaba guhinduza amazina /Name change request</u>

NTIBIMENYA Fiacre ……..……..……..……..……..65
BUKUMI Chantal ……..……..……..……..……65
MWIZA Solange……..……..……..……..……66
NTAWUGASHIRA Anatalie……..……..……..……..…66
KURADUSENGE ……..……..……..……..……67
NYIRAMATAMA Veronique ……..……..……..……67
HIRWA Dick ……..……..……..……..……68
BAKEZURIHO Jean Claude ……..……..……..……..…68
BARASHUKANA Jean Claude ……..……..……..……69
TWAHIRWA Marie Grâce ……..……..……..……..…...69
RUKATAZA……..……..……..……..……..70
BIZIMUNGU Moise ……..……..……..……..……70
BUKEYE Gilbert ……..……..……..……..……..71
RUGANZU Felecien ……..……..……..……..……71
NIYOGUSHIMWA Moise ……..……..……..……..…...72
NIYIGENA Jean Jacques ……..……..……..……..……72
MURAGIJIMANA……..……..……..……..……73
MUKAMANA……..……..……..……..……...73
KALISA Hamza ……..……..……..……..……74
KAMAYUGI Brigitte ……..……..……..……..……...74
HABIYAMBERE……..……..……..……..……..75
BARAKAGWIRA Francine ……..……..……..……..…75
BYIRINGIRO James ……..……..……..……..……76
BYISHIMO Kofi ……..……..……..……..……..76
DUSABIMANA Gatabazi ……..……..……..……..……77
DUSENGIMANA Anathalie ……..……..……..……..…77
DUSHIMIMANA Mireille ……..……..……..……78
DUSHIMIMANA ……..……..……..……..……78
HABIYAMBERE Appolinaire ……..……..……..……...79
HABUMUGISHA ……..……..……..……..……79
DUSINGIZE ……..……..……..……..……80
NYIRABANZI Joseline ……..……..……..……..……80
HAKIZIMANA Patrick ……..……..……..……..……81

IGIHOZO Queen ……..……..……..……..……..81
IGIHOZO MARIE ANNE ……..……..……..……..……82
IMANIRAGUHA Pacifique ……..……..……..……..….82
INEZA Gwira Phiona ……..……..……..……..……...83
INEZA Murerwa Pemella ……..……..……..……..……83
INGABIRE Beatha ……..……..……..……..……...84
ISHIMWE Pacifique ……..……..……..……..……84
UWAMAHORO Zahara ……..……..……..……..……...85
KAYIJAMAHE Salimini ……..……..……..……..……..85
KUBWIMANA Emmanuel ……..……..……..……..…..86
BANYANGABOSE Valentine ……..……..……..……...86
UWERA……..……..……..……..…..….87
NIYITEGEKA Samuel ……..……..……..……..……87
MUKESHA SHYASHYARI Hope ……..……..……..……88
MUKAMUHUTU Consolee ……..……..……..…….....88

*C. **Amakoperative***

KABUR……..……..……..……..……..…….....89
KODUBANYA…..……..……..……..……..……...90
ABAHUJIMBARAGA GASAGARA…..……..……..……91
KOABAMARU…..……..……..……..……..……...92
COIARWA…..……..……..……..……..……..93
GMSC-KINYINYA…..……..……..……..……..……94
IKACO…..……..……..……..……..…….....95

ASSOCIATION DES COMMERCANTS GROSSISTES ET DETAILLANTS AU RWANDA (ACGDR)

LEGAL STATUTES

AMATEGEKO SHINGIRO YA "*ASSOCIATION DES COMMERCANTS GROSSISTES ET DETAILLANTS AU RWANDA*" (ACGDR)	**THE STATUTES OF "*ASSOCIATION DES COMMERCANTS GROSSISTES ET DETAILLANTS AU RWANDA* (ACGDR)»**	**LES STATUTS DE "ASSOCIATION DES COMMERCANTS GROSSISTES ET DETAILLANTS AU RWANDA (ACGDR) »**
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: IZINA, IGIHE, ICYICARO, UBUSHAMIKE, INTEGO N'UBURYO BW'IBIKORWA	**CHAPTER ONE: NAME, DURATION, HEAD OFFICE, AFFILIATION, OBJECTIVE AND ACTION MEANS**	**CHAPITRE PREMIER: DÉNOMINATION, DURÉE, SIÈGE, AFFILIATION, OBJET ET MOYENS D'ACTIONS**
Icyiciro cya mbere: Izina, igihe, icyicaro, n'ubushamike	**Section One: The Name, the duration, the head office and the affiliation**	**Section première: La dénomination, la durée, le siège et l'affiliation**
Ingingo ya mbere: Izina n'Igihe	**Article One: Name and duration**	**Article premier: Dénomination et durée**
Ingingo ya 2: Icyicaro	**Article 2: Head office**	**Article 2: Siège**
Ingingo ya 3: Ubushamike	**Article 3: Affiliation**	**Article 3: Affiliation**
Icyiciro cya 2: Intego z'Ishyirahamwe n'Uburyo bw'ibikorwa	**Section 2: The objectives of the Association and the means of action**	**Section 2: Les objectifs de l'Association et les moyens d'actions**
Ingingo ya 4: Intego	**Article 4: Objectives**	**Article 4: Objectifs**
Ingingo ya 5: Inshingano	**Article 5: Responsabilities**	**Article 5: Responsabilités**

UMUTWE WA II: ABANYAMURYANGO B'ISHYIRAHAMWE RY'ABAKORESHA	**CHAPTER II: MEMBERS OF THE EMPLOYERS ASSOCIATION**	**CHAPITRE II: MEMBRES DE L'ASSOCIATION DES EMPLOYEURS**
Ingingo ya 6: Abagize Ishyirahamwe	**Article 6: Composition de l'Association**	**Article 6: Composition of the Association**
Ingingo ya 7: Ibisabwa kugira ngo wemererwe kuba mu Ishyirahamwe	**Article 7: Conditions to be admitted to the Association**	**Article 7: Conditions d'être admis dans l'Association**
. **Ingingo ya 8: Impamvu zo gutakaza kuba umunyamuryango w'Ishyirahamwe**	**Article 8: Causes of the loss of being a member of the Association**	**Article 8: Les causes de la perte d'être membre de l'Association**
UMUTWE WA III: INZEGO Z' ISHYIRAHAMWE	**CHAPTER III: ORGANS OF THE ASSOCIATION**	**CHAPITRE III: ORGANES DE L'ASSOCIATION**
Ingingo ya 9: Inzego zigize Ishyirahamwe	**Article 9: Organs of the Association**	**Article 9: Organes de l'Association**
Igice cya mbere: Inteko Rusange	**Section One: The General Assembly**	**Section première: L'Assemblée Générale**
Ingingo ya 10: Abagize Inteko Rusange	**Article 10: Composition of the General Assembly**	**Article10: Composition de l'Assemblée Générale**
Ingingo ya 11: Ububasha bw'Inteko Rusange	**Article 11: Powers of the General Assembly**	**Article 11: Pouvoirs de l'Assemblée Générale**
Ingingo ya 12: Itumizwa, iyoborwa n'umubare wa ngombwa by'Inteko Rusange	**Article 12: Convocation, chairmanship** and **required number of the General Assembly**	**Article 12: Convocation, présidence et nombre exigé de l'Assemblée Générale**
Ingingo ya 13: Iterana ry'Inteko Rusange Idasanzwe	**Article 13: Meeting of the Extraordinary General Assembly**	**Article 13: Réunion de l'Assemblée Générale Extraordinaire**
Ingingo ya 14: Ifatwa ry'ibyemezo	**Article 14: Decisions making**	**Article 14: Prise de décisions**
Igice cya 2: Komite Nyobozi	**Section 2: The Board of Directors**	**Section 2: Le Conseil d'Administration**

Ingingo ya 15: Abagize Komite Nyobozi n'itorwa ryabo	**Article 15: Composition of the Board of Directors and its election**	**Article 15: Composition du Conseil d'Administration et son élection**
Ingingo ya 16: Inshingano za Komite Nyobozi	**Article 16: Responsibilities of the Board of Directors**	**Article 16: Responsabilités du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 17: Ibibujijwe ugize Komite Nyobozi	**Article 17: Prohibition of the Board of Directors**	**Article 17: Prohibition d'un membre du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 18: Perezida wa Komite Nyobozi	**Article 18: President of the Board of Directors**	**Article 18: Le Président du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 19: Itumizwa, iyoborwa n'iterana rya Komite Nyobozi	**Article 19: Convening, chairing and meeting of the Board of Directors**	**Article 19: Convocation, présidence et réunion du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 20: Uburyozwe bwa Komite Nyobozi	**Article 20: Joint liability of the Board of Directors**	**Article 20: Responsabilité solidaire du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 21: Imirimo y'ingenzi ya Perezida w'Ishyirahamwe	**Article 21: Major functions of the President of the Association**	**Article 21: Les fonctions principales du Président de l'Association**
Ingingo ya 22: Ibikwa ry'inyandiko z'Ishyirahamwe	**Article 22: Record keeping of the Association**	**Article 22: Tenue des documents de l'Association**
Ingingo ya 23: Uruhare rwa Visi Perezida w'Ishyirahamwe	**Article 23: Role of the Vice-President of the Association**	**Article 23: Rôle du Vice-Président de l'Association**
Ingingo ya 24: Inshingano z'Umunyamabanga	**Article 24: Responsibilities of the Secretary**	**Article 24: Responsabilités du Secrétaire**
Ingingo ya 25: Inshingano z'Umubitsi	**Article 25: Responsibilities of the Treasurer**	**Article 25: Responsabilités du Trésorier**

Ingingo ya 26: Ishyirwaho ry'akanama k'impuguke	**Article 26: Establishment of a specialized commission**	**Article 26: Mise en place d'une commission spécialisée**
Ingingo ya 27: Isimburwa ry'uri muri Komite Nyobozi	**Article 27: Replacement of a member of the Board of Directors**	**Article 27: Remplacement d'un membre du Conseil d'Administration**
Igice cya 3: Abagenzuzi	**Section 3: Auditors**	**Section 3: Les Auditeurs**
Ingingo ya 28: Ishyirwaho ry'Abagenzuzi	**Article 28: Appointment of Auditors**	**Article 28: Nomination des auditeurs**
Ingingo ya 29: Inshingano z'Abagenzuzi na raporo yabo	**Article 29: Responsibilities of the Auditors and its report**	**Article 29: Responsabilités des Auditeurs et leur rapport**
Ingingo ya 30: Igihe cy'umwaka w'ingengo y'imari	**Article 30: Period of the budget year**	**Article 30: Période de l'année budgétaire**
UMUTWE WA IV: UMUTUNGO W'ISHYIRAHAMWE	**CHAPTER IV: PROPERTY OF THE ASSOCIATION**	**CHAPITRE IV: PATRIMOINE DE L'ASSOCIATION**
Ingingo ya 31: Inkomoko y'Umutungo w'Ishyirahamwe	**Article 31: The origin of the assets of the Association**	**Article 31: Les ressources du patrimoine de l'Association**
UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 32: Ihindurwa ry'Amategeko shingiro	**Article 32: Modification of Statutes**	**Article 32: Modification des Statuts**
Ingingo ya 33: Iseswa ry'Ishyirahamwe	**Article 33: Dissolution of the Association**	**Article 33: Dissolution de l'Association**
Ingingo ya 34: Ishyirwa mu bikorwa	**Article 34: Implementation**	**Article 34: Implémentation**
Ingingo ya 35: Gutangira gukurikizwa	**Article 35: Coming into force**	**Article 35: Entrée en vigueur**

AMATEGEKO SHINGIRO YA "*ASSOCIATION DES COMMERCANTS GROSSISTES ET DETAILLANTS AU RWANDA*" (ACGDR)	**THE STATUTES OF "*ASSOCIATION DES COMMERCANTS GROSSISTES ET DETAILLANTS AU RWANDA* (ACGDR)»**	**LES STATUTS DE "ASSOCIATION DES COMMERCANTS GROSSISTES ET DETAILLANTS AU RWANDA (ACGDR) »**
Twebwe, abagize Ishyirahamwe ry'Abakoresha: mu rurimi rw'igifaransa "**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda**" **(ACGDR)**, duteraniye i Nyarugenge ku ya 22 Werurwe 2019:	We, members of Employer's Professional Organization: in French language "**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda**" **(ACGDR)** meeting at Nyarugenge on 22rd of March 2019:	Nous, membres de l'Organisation Patronale: "**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda**" **(ACGDR) »**, réunis à Nyarugenge en date du 22 Mars 2019:
Tumaze kwiyumvisha ko Ishyirahamwe ry'Abakoresha ari bwo buryo bwonyine buhuriza hamwe Abakoresha kugira ngo barengere inyungu z'akazi kandi barengere n'imibereho myiza yabo;	Having understood that the Employer's Professional Association is the only way to bring together employers to defend their professional interests and their living conditions;	Conscients du fait que l'Association professionnelle des Employeurs est le moyen privilégié de rassembler les Associations Patronales afin de défendre leurs intérêts professionnels et leurs conditions de vie;
Tumaze kwiyumvisha ko ubwigenge busesuye bw'ishyirahamwe ry'Abakoresha ari bwo buryo buboneye butuma bagera ku ntego zabo;	Convinced that full independence of the Employer's Professional Association is the surest way to achieve their objectives;	Convaincus que l'indépendance totale des Associations Patronales est le moyen le plus sûr pour faire atteindre leurs objectifs;
Tumaze kubona ko guhuriza hamwe ibitekerezo n'ibikorwa byacu bizagira uruhare rukomeye mu guteza imbere ubukungu bw'Igihugu cyacu;	Convinced that the need to combine our ideas and actions will provide significant contribution to the economic development of our country;	Convaincus de la nécessité de conjuguer nos idées et actes en vue d'apporter une importante contribution au développement économique de notre pays;
Tumaze kwiyemeza ko Ishyirahamwe ry'Abakoresha ryacu nta shyaka, idini, ubwoko, Akarere n'ikindi cyose ribogamiyeho cyatandukanya Abakoresha; Dushingiye ku *Itegeko* Nshinga rya Repubulika	Determined that our Employers Professional Association is neutral vis-à-vis a political party, religion, ethnicity, region and anything else that discriminates between Employers; Pursuant to the Constitution of the Republic of	Déterminés que notre Association Patronale est neutre vis-à-vis un parti politique, religion, ethnie, région et toute autre chose de discrimination entre les Employeurs; Vu la Constitution de la République du Rwanda

y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo zaryo iya 31 n'iya 39 ;	Rwanda of 2003 revised in 2015, in articles 31 and 39;	de 2003 révisée en 2015 en ses articles 31 et 39;
Tumaze kubona Amasezerano Mpuzamahanga y'Ishyirahamwe ry'abakoresha Mpuzamahanga wita ku Murimo, OIT N° 87 na 98 ku bijyanye no kwishyira ukizana kw'amasendika n'Amashyirahamwe y'Abakoresha no kurengera uburenganzira bwayo no ku burenganzira bwo kwishyira hamwe n'imishyikirano Rusange;	Given the ILO Conventions Nº 87 and 98 respectively on the Union and Employers Professional Organization, Freedom and Protection of the Unions, employers Rights as well as the right to organization and collective negotiation;	Vu les Conventions de l'OIT N°87 et 98 respectivement sur la Liberté syndicale et Patronales, la Protection du droit Patronale et sur le droit d'Organisation et de la négociation collective;
Tumaze kubona Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo kuva ku ya 101 kugeza ku ya 117;	Given the Law N° 66/2018 of 30/08/2018 related to labor regulation in Rwanda especially in its Articles from 101 to 117;	Vu la Loi N° 66/2018 du 30/08/2018portant réglementation du travail au Rwanda spécialement en ses articles de 101 à 117;
Tumaze kubona iteka rya Minisitiri n° 11 ryo kuwa 07/09/2010 rigena uburyo n'ibisabwa mu kwandikisha amasendika cyangwa amashyirahamwe y'abakoresha mu ngingo ya 3 n'iya 4;	Given ministerial order n° 11 of 07/09/2010 determining the modalities and requirements for the registration of trade unions or employers' professional associations in article 3 and 4;	Vu l'arrêté Ministériel n° 11 du 07/09/2010 déterminant les conditions et modalités d'enregistrement des syndicats et des associations patronales article 3 et 4;
Twemeje Amategeko shingiro y'Ishyirahamwe ry'Abakoresha ryiswe mu gifaransa "Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda"**(ACGDR)**:	We hereby adopt the Statutes of the Employers Professional Association named in French "Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda"**(ACGDR)**:	Adoptons les statuts de l'Association "Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda"**(ACGDR)**:

UMUTWE WA MBERE: IZINA, IGIHE, ICYICARO, UBUSHAMIKE, INTEGO N'UBURYO BW'IBIKORWA	**CHAPTER ONE: NAME, DURATION, HEAD OFFICE, AFFILIATION, OBJECTIVE AND ACTION MEANS**	**CHAPITRE PREMIER: DÉNOMINATION, DURÉE, SIÈGE, AFFILIATION, OBJET ET MOYENS D'ACTIONS**
Icyiciro cya mbere: Izina, igihe, icyicaro, n'ubushamike	**Section One: The Name, the duration, the head office and the affiliation**	**Section première: La dénomination, la durée, le siège et l'affiliation**
Ingingo ya mbere: Izina n'Igihe	**Article One: Name and duration**	**Article premier: Dénomination et durée**
Hashyizweho ishyirahamwe ry'abakoresha rizamara igihe kitazwi ryitwa mu gifaransa "Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda" **(ACGDR).**	Hereby established, for unlimited period, an Employer's Professional Association named in french "Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda" **(ACGDR).**	Il est créé pour une durée indéterminée une Association Patronale, dénommé "Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda" **(ACGDR).**
Ingingo ya 2: Icyicaro	**Article 2: Head office**	**Article 2: Siège**
Icyicaro cya **"**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda" **(ACGDR) k**iri mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka **Nyarugenge**, Umurenge wa **Nyarugenge**, Gishobora kwimurirwa ahandi muri Repubulika y'u Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange.	The Head office of **"**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda" **(ACGDR)** is established in Kigali City, **Nyarugenge** District, in **Nyarugenge** Sector. It may be transferred to any other place in the Republic of Rwanda on decision of the General Assembly.	Le Siège de **"**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda" **(ACGDR)** est établi dans la Ville de Kigali, District de **Nyarugenge, d**ans le Secteur **Nyarugenge**. Il peut être transféré en tout autre lieu de la République du Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale.
Ibikorwa byaryo bikorerwa mu gihugu hose.	Its activities are carried out on the whole national territory.	Ses Activités s'effectuent sur toute l'étendue du territoire national.
Ingingo ya 3: Ubushamike	**Article 3: Affiliation**	**Article 3: Affiliation**
Ishyirahamwe "Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda**"**	**"**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda**" (ACGDR)** can be	L'Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda**" (ACGDR)**, peut

(ACGDR) rishobora kwinjira mu mpuzamashyirahamwe y'Abakoresha yigenga ku rwego rw'Igihugu. Ishobora kandi kwinjira mu miryango ihuza Abakoresha ku rwego mpuzamahanga. **Icyiciro cya 2: Intego z'Ishyirahamwe n'Uburyo bw'ibikorwa** **Ingingo ya 4: Intego** Ishyirahamwe **"**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda**" (ACGDR)** rifite intego zikurikira: a) Guteza imbere uburyo bwo kuranguza hamwe no kudandaza no guhana amakuru hagati y'abagize Ishyirahamwe ry'abakoresha kugira ngo bagire ubumenyi bugezweho; b) Guhagararira abagize Ishyirahamwe ry'abakoresha imbere y'izindi nzego. **Ingingo ya 5: Inshingano** Kugira ngo rigere ku ntego zaryo, Ishyirahamwe **"**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda**" (ACGDR)** rifite inshingano zikurikira:	affiliate itself to an independent National Employers' federation. It can also be affiliated to International Employer's organizations. **Section 2: The objectives of the Association and the means of action** **Article 4: Objectives** **"**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda**" (ACGDR)** has the following objectives: a) Promotion of wholesaling and retailing as well as the sharing of information between the members of the Association to have the updated information; b) Representation of Employers Association to the other Organs. **Article 5: Responsabilities** To achieve its objectives, "Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda" **(ACGDR)** ... will have the following responsibilities:	s'affilier à une fédération de l'Association Patronale nationale indépendante. Il peut également s'affilier aux organisations internationales des Patronales. **Section 2: Les objectifs de l'Association et les moyens d'actions** **Article 4: Objectifs** L**'**Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda **(ACGDR)** a les objectifs suivants**:** a) Promotion de la vente en gros et au détail ainsi que le partage d'informations entre les membres de l'Association pour obtenir les informations de mise à jour; b) Représenter les membres de l'Association au sein des autres organes. **Article 5: Responsabilités** Pour atteindre ses objectifs, l'Association des Commerçants Grossistes et Détaillants au Rwanda **(ACGDR)** aura les responsabilités suivantes:

a) Guhagararira Ishyirahamwe ry'abakoresha imbere y'Inzego ziri mu gihugu no mu mahanga; b) Gushyigikira no guteza imbere ubutwererane n'andi mashyirahamwe y'abakoresha; c) Gushyira imbere imishyikirano rusange no kujya inama hagati y'amashyirahamwe y'abakoresha; d) Gushyigikira imishyikirano rusange n'inama kugira ngo abagize Ishyirahamwe ry'Abakoresha barengere uburenganzira bwabo; e) Guhugura no guha abagize Ishyirahamwe ry'Abakoresha amakuru n'amahugurwa. f) Kubahiriza imirongo ngenderwaho n'amategeko agenga ubucuruzi bwo kuranguza hamwe no kudandaza.	a) To represent the Employers Association to the Institutions within the country, and internationally; b) To promote and maintain cooperation relations with other employers Organizations; c) To initiate negotiations and consultations among social partners to exercise their respective rights; d) To support the common dialogue and meetings to help members of the Association to defend their rights; e) To provide information and training to the members of the Association. f) Ensure strict respect of the guidelines and the rules governing the wholesaling and retailing of Products.	a) Représenter l'Association des Employeurs auprès des organes à l'intérieur du pays, et sur le plan International; b) Promouvoir et entretenir des relations de coopération avec d'autres Organizations patronales; c) Initier la négociation et la consultation entre les différents partenaires sociaux dans l'exercice de leurs droits respectifs; d) Appuyer la création des dialogues et des rencontres pour aider les membres de l'Association à protéger leurs droits; e) Assurer l'information et la formation des membres de l'Association. f) Veiller au strict respect des directives et des règles régissant la vente en gros et au détail des produits.
UMUTWE WA II: ABANYAMURYANGO B'ISHYIRAHAMWE RY'ABAKORESHA	**CHAPTER II: MEMBERS OF THE EMPLOYERS ASSOCIATION**	**CHAPITRE II: MEMBRES DE L'ASSOCIATION DES EMPLOYEURS**
Ingingo ya 6: Abagize Ishyirahamwe	**Article 6: Composition de l'Association**	**Article 6: Composition of the Association**
Ishyirahamwe ry'Abakoresha rigizwe n'Abakoresha barishinze, abaryinjiramo	The Organization is composed of founder members, adherent members and honorary	L'Organisation se compose des membres fondateurs, des membres adhérents et des

n'ab'icyubahiro.	members.	membres d'honneur.
Abashinze Ishyirahamwe ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.	Founder members are the signatories to this statutes	Sont membres fondateurs les signataires des présents statuts.
Abaryinjiramo ni abantu babisaba bamaze kwiyemeza gukurikiza aya mategeko shingiro, bakemerwa n' Inteko Rusange.	Adherent members are physical or moral persons who, upon request and after subscription to these statutes shall be agreed by the General Assembly.	Sont membres adhérents des personnes physiques qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'assemblée générale.
Abashinze Ishyirahamwe n'abaryinjiramo ni bo banyamuryango nyakuri b'Ishyirahamwe. Bafite Uburenganzira n'inshingano bimwe mu Ishyirahamwe ry'Abakoresha.	The founder members and adherent members are the effective members of the association. They have the same rights and duties in Association.	Les membres fondateurs et les membres adhérents constituent les membres effectifs de l'association. Ils ont les mêmes droits et devoirs vis-à-vis de l'Organisation.
Abanyamuryango b'icyubahiro bagishwa inama ariko ntibatora.	Honorary members have a consultative role, but they don't vote.	Les membres d'honneur ont un rôle consultatif, mais ils ne votent pas.
Ingingo ya 7: Ibisabwa kugira ngo wemererwe kuba mu Ishyirahamwe	**Article 7: Conditions to be admitted to the Association**	**Article 7: Conditions d'être admis dans l'Association**
Umuntu wese wifuza kuba ugize Ishyirahamwe ry'Abakoresha agomba kuba yujuje ibi bikurikira:	Any person willing to join the Association has to fulfill these rquirements:	Toute personne qui souhaite rejoindre l'Association doit remplir les conditions suivantes:
a) Kwemera amategeko shingiro y'Ishyirahamwe n'amabwiriza agenga imikorere yaryo;	a) Agree to the statutes and internal rules and regulations of the Association;	a) Accepter les statuts et le règlement d'ordre intérieur de l'Association;
b) Kwemera kugira uruhare rutaziguye mu ishyirwa mu bikorwa ry'intego z'Ishyirahamwe;	b) Accept to actively participate in achieving the objective of the Association;	b) Accepter de participer activement aux objectifs de l'Association;

c) Kwemera kwishyura umusanzu ugenwa n'Inteko Rusange;	c) Accept to pay contributions whose amount shall be set by the General Assembly.	c) Accepter de payer les contributions dont le montant est déterminé par l'Assemblée Générale.
Iyo ibisabwa byujujwe, usaba kuba umunyamuryango yandikira Perezida wa Komite Nyobozi uyu na we akabishyikiriza Komite kugira ngo ibisuzume na yo ibishyikirize Inteko Rusange kugira ngo ibyemeze.	Once requirements are met, the candidate will file the request for adhesion to the President of the Executive Committee who will file to the Committee for appreciation and thereafter submit application (s) to the General Assembly for approval.	Si les conditions sont remplies, le candidat adresse sa demande d'adhesion au Président du Comité Exécutif, qui la soumet au Comité pour l'appréciation et la présenter à l'Assemblée Générale pour l'approbation.
Ingingo ya 8: Impamvu zo gutakaza kuba umunyamuryango w'Ishyirahamwe	**Article 8: Causes of the loss of being a member of the Association**	**Article 8: Les causes de la perte d'être membre de l'Association**
Umuntu atakaza kuba umunyamuryango w'Ishyirahamwe kubera impamvu zikurikira:	Membership of the Association is lost for the following reasons:	La qualité de membre de l'Association se perd pour les causes suivantes:
a) Kwegura ku bushake bikozwe mu nyandiko yandikiwe Perezida wa Komite Nyobozi y'Ishyirahamwe, na we akayigeza ku Nteko Rusange ifata icyemezo ntakuka;	a) Voluntary resignation made in writing sent to the President of the Board of the association who shall submit it to the General Assembly for a final decision;	a) Démission volontaire exprimée par écrit adressé au Président du Conseil d'Administration de l'Association, qui la présentera à l'Assemblée Générale pour la décision finale;
b) Gusiba inama inshuro zirenze eshatu (3) zikurikiranye nta mpamvu mu Nteko Rusange;	b) Unjustified absence from more than three (3) consecutive meetings of the General Assembly;	b) Absences non justifiées dans plus de trois (3) réunions consécutives de l'Assemblée Générale;
c) Kwamburwa ubunyamuryango hakurikijwe amategeko byemejwe na 2/3 by'abanyamuryango b'Ishyirahamwe bitabiriye Inteko Rusange;	c) Exclusion on legitimate grounds ordered by the General Assembly by the 2/3 majority of members of the Association in attendance;	c) Exclusion pour des motifs légitimes ordonnée par l'Assemblée Générale à la majorité des 2/3 des membres de l'Association présents;

d) Kutishyura imisanzu yemejwe n'Inteko Rusange mu gihe cyagenwe.	d) Non-payment of contributions set by the General Assembly in provided period	d) Le non paiement des contributions fixées par l'Assemblée Générale dans une periode prevue.
Niba nta cyemezo gifashwe mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uhereye igihe ibaruwa yo kwegura yakiriwe, kwegura bifatwa ko byemewe.	In the event that no decision is made for a period of twelve (12) months from the date of receipt of the letter of resignation, the right to resign will be deemed to have been granted.	Au cas où aucune décision n'est prise pour une période de douze (12) mois dès la date de la réception de la lettre de démission, le droit de démission est considéré comme octroyé.
Igihe umunyamuryango w'Ishyirahamwe yeguye cyangwa yambuwe kuba umunyamuryango, imisanzu yatanze ntabwo ayisubizwa.	In case of the resignation or exclusion of member of the association, its membership contributions shall not be refundable.	En cas de démission ou d'exclusion d'un membre de l'association, ses côtisations ne sont pas remboursables.
UMUTWE WA III: INZEGO Z'ISHYIRAHAMWE	**CHAPTER III: ORGANS OF THE ASSOCIATION**	**CHAPITRE III: ORGANES DE L'ASSOCIATION**
Ingingo ya 9: Inzego zigize Ishyirahamwe	**Article 9: Organs of the Association**	**Article 9: Organes de l'Association**
Ishyirahamwe rigizwe n'inzego zikurikira: 1° Inteko Rusange; 2° Komite Nyobozi; 3° Abagenzuzi.	The Association is composed of the following organs: 1° The General Assembly; 2° The Board of Directors; 3° Auditors.	L'Association est composée des organes suivants: 1° L'Assemblée Générale; 2° Le Conseil d'Administration; 3° Les Auditeurs.
Igice cya mbere: Inteko Rusange	**Section One: The General Assembly**	**Section première: L'Assemblée Générale**
Ingingo ya 10: Abagize Inteko Rusange	**Article 10: Composition of the General Assembly**	**Article 10: Composition de l'Assemblée Générale**
Inteko Rusange ni urwego rukuru rw'Ishyirahamwe rugizwe n'abanyamuryango	The General Assembly is the supreme organ of the Association composed of all the	L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'Association composé de tous les membres

b'Ishyirahamwe bahoraho bose. Izindi nzego z'Ishyirahamwe zubahiriza ibyemezo by'Inteko Rusange.	effective members of the Association. Other organs of the Association are subject to the power of the General Assembly.	effectifs de l'Association. Les autres organes de l'Association sont soumis au pouvoir de l'Assemblée Générale.
<u>Ingingo ya 11</u>: Ububasha bw'Inteko Rusange	**<u>Article 11</u>: Powers of the General Assembly**	**<u>Article 11</u>: Pouvoirs de l'Assemblée Générale**
Inteko Rusange ifite ububasha busumba ubw'izindi nzego zose z'Ishyirahamwe bukurikira: a) Gutegura icyerekezo cy'Ishyirahamwe; b) Kwemeza cyangwa guhindura amategeko shingiro n'amabwiriza agenga Ishyirahamwe; c) Kwemeza Ingengo y'imari y'umwaka n'igenamigambi by'Ishyirahamwe; d) Gutora Abagize Komite Nyobozi n'Abagenzuzi; e) Kwemeza ingano y'umusanzu w'abagize Ishyirahamwe; f) Kwemeza Komisiyo zashyizweho na Komite Nyobozi; g) Kwemeza iyegura ry'abagize Komite Nyobozi n'Abagenzuzi; h) Kwemeza iseswa ry'Ishyirahamwe;	The general assembly shall have the most extensive powers and perform these duties: a) Design orientation of the Association; b) Adopt or modify statutes and internal rules and regulations of the Association; c) Approve the annual budget and action plan for the Association. d) Elect members of the Board of Directors and Auditors; e) Set rates for member contributions; f) Approve Commissions put in place by the Board of Directors; g) Decide on the dismissal of the members of the Board of Directors and of the Auditors; h) Decide on the dissolution of the Association;	L'assemblée générale a les pouvoirs les plus étendus suivants: a) La conception de l'orientation de l'Association; b) Adopter ou modifier les statuts et le règlement intérieur de l'Association; c) Approuver le budget annuel et le plan d'action de l'Association d) Élire les membres du Conseil d'Administration et les Auditeurs; e) Fixer les taux de cotisations des membres; f) Approuver les commissions mises en place par le Conseil d'Administration; g) Décider sur la révocation des membres du Conseil d'Administration et des Auditeurs; h) Décider sur la dissolution de l'Association;

i) Kwakira inkunga n'impano; j) Kwemeza, guhagarika cyangwa gusezerera Umunyamuryango; k) Gushyiraho abashinzwe gusesa Ishyirahamwe no kugena inshingano zabo; l) Kwemeza imicungire y'umutungo.	i) Accept grants and legacies; j) Approve, suspend or exclude a member; k) Appoint liquidators and define their term of office; l) Approving the financial management procedures.	i) Accepter des subventions et des legs; j) Approuver, suspendre ou exclure un membre; k) Nommer des liquidateurs et définir leur mandat; l) Approuver les procedures de gestion financière.
<u>Ingingo ya 12</u>: Itumizwa, iyoborwa n'umubare wa ngombwa by'Inteko Rusange	**<u>Article 12</u>: Convocation, chairmanship and required number of the General Assembly**	**<u>Article 12</u>: Convocation, présidence et nombre exigé de l'Assemblée Générale**
Inama isanzwe y'Inteko Rusange iba kabiri (2) mu mwaka. Hashobora kubaho inama idasanzwe y'Inteko Rusange.	The General Assembly shall be held twice per year ordinary session. It may hold an extraordinary session.	L'Assemblée Générale en session ordinaire se réunit deux (2) fois par an. Il peut tenir une session extraordinaire.
Inteko Rusange itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komite Nyobozi, yaba atabonetse ikayoborwa na Visi Perezida. Iyo bombi batabonetse, Inteko Rusange igena umunyamuryango uyiyobora.	The General Assembly shall be convened and chaired by the President of the Board of Directors, and in his/her absence, by the Vice President. In the absence of both, by a member elected by the General Assembly.	L'Assemblée Générale est convoquée et présidée par le Président du Conseil d'Administration, et en son absence, par le Vice-Président. En l'absence des deux, par un membre élu par l'Assemblée Générale.
Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro iyo bibiri bya gatatu (2/3) by'Abanyamuryango b'Ishyirahamwe byitabiriye inama.	The General Assembly can meet and take valid decision only where at least two thirds (2/3) of members of the Association are present.	L'Assemblée Générale se réunit et valablement décide si au moins deux tiers (2/3) des membres de l'Association sont présents.
Iyo bibiri bya gatatu (2/3) bitabonetse, Inteko Rusange yongera gutumizwa mu gihe kitarenze	When the quorum of two thirds (2/3) is not reached, the General Assembly will be	Lorsque le quorum de deux tiers (2/3) n'est pas atteint, l'Assemblée Générale sera convoquée à

iminsi mirongo itatu (30), kandi igafata ibyemezo ndakuka hatitawe ku mubare w'Abanyamuryango babonetse.	convened again within thirty (30) days and will take valid decisions regardless of the number of members present.	nouveau dans les trente (30) jours et prendra des décisions valables quel que soit le nombre des membres présents.
Biturutse ku mpamvu zidasanzwe cyangwa Perezida na Visi Perezida ba Komite Nyobozi banze kuyitumira, kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Ishyirahamwe bashobora gutumiza Inteko Rusange yitoramo uyiyobora n'umwanditsi wayo.	For unforeseen difficulties or when the President and the Vice-President of the Board of Directors refuse to convene it, one thirds (1/3) of the members can convene the General Assembly which appoints from among its members a president and a rapporteur for the event.	En cas de difficulté imprévue ou lorsque le Président et le Vice Président du Conseil d'Administration refuse de la convoquer, un tiers (1/3) des membres peuvent convoquer l'Assemblée Générale qui désigne parmi ses membres un président et un rapporteur pour l'événement.
Inama y'Inteko Rusange ibera ahateganyijwe, ku gihe no ku isaha bigaragara ku butumire.	The General Assembly holds its session at the place, day and time specified in the invitation	L'Assemblée Générale tient sa session au lieu, jour et heure précisés dans l'invitation.
Ibiri ku murongo w'ibyigwa by'Inteko Rusange Isanzwe hagomba kubamo ishusho y'umutungo y'umwaka ushize, ingengo y'imari, raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi ndetse na raporo z'Abagenzuzi.	The agenda of the ordinary session shall obligatorily include presentation of the balance sheet for the year ended, budget forecasts and the activities report of the Board of Directors as well as the report on the control by the auditors.	L'ordre du jour de la session ordinaire doit obligatoirement inclure la présentation du bilan pour l'année écoulée, les prévisions budgétaires et le rapport d'activités du Conseil d'Administration ainsi que le rapport d'audit.
Ingingo ya 13: Iterana ry'Inteko Rusange Idasanzwe	**Article 13: Meeting of the Extraordinary General Assembly**	**Article 13: Réunion de l'Assemblée Générale Extraordinaire**
Igihe cyose bibaye ngombwa Perezida wa Komite Nyobozi y'Ishyirahamwe ashobora gutumiza Inteko Rusange Idasanzwe yigirwamo ingingo zateganyijwe ku murongo w'ibyigwa zonyine. Ihamagazwa nk'uko inama y'Inteko Rusange isanzwe itumizwa. Ibyemezo biyifatiwemo bigira agaciro nk'iby'inama	Whenever necessary, the President of the Board of Directors of the Association may convene the General Assembly in an extraordinary session deliberating only on the items initially entered on the agenda. The terms of its convocation are identical to those of the Ordinary General Meeting. The	Chaque fois que de besoin, le Président du Conseil d'Administration de l'Association peut convoquer l'Assemblée Générale en session extraordinaire ne délibèrant que sur les points initialement inscrits à l'ordre du jour. Les modalités de sa convocation sont identiques à celles de l'Assemblée Générale Ordinaire. Les

isanzwe.	decisions taken are valid as those taken in ordinary session.	decisions prises sont valables comme celles prises en session ordinaire.
Ingingo ya 14: Ifatwa ry'ibyemezo	**Article 14: Decisions making**	**Article 14: Prise de décisions**
Inteko Rusange ifata ibyemezo ishingiye ku bwiganze burunduye bw'abanyamuryango bitabiriye inama. Mu gihe amajwi yangannye, amatora asubirwamo. Ku nshuro ya gatatu y'amatora, ijwi ry'Umuyobozi w'inama ribarwa kabiri.	Decisions by the General Assembly shall be taken by the absolute majority of members present. In case of equal votes, voting may be resumed. At the third round of voting, the Chairperson shall have the casting vote.	Les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des membres présents. En cas d'égalité des voix, le vote peut être repris. Au troisième tour de vote, le Président a voix prépondérante.
Igice cya 2: Komite Nyobozi	**Section 2: The Board of Directors**	**Section 2: Le Conseil d'Administration**
Ingingo ya 15: Abagize Komite Nyobozi n'itorwa ryabo	**Article 15: Composition of the Board of Directors and its election**	**Article 15: Composition du Conseil d'Administration et son élection**
Komite Nyobozi igizwe n'abantu barindwi bakurikira: 1° Perezida 2° Visi-Perezida 3° Umunyamabanga 4° Umubitsi 5° Abajyanama batatu (3).	The Board of Directors is composed of seven (7) people following: 1° The President 2° The Vice-President 3° The Secretary 4° The Treasurer 5° Three (3) Advisers.	Le Conseil d'Administration est composé de sept (7) personnes suivantes: 1° Le Président 2° Le Vice-Président 3° Le Secrétaire 4° Le Trésorier 5° Trois (3) Conseillers.
Abagize Komite Nyobozi batorwa n'Inteko Rusange hakurikijwe ubwiganze burunduye bw'amajwi y'abatora bitabiriye inama. Batorerwa manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe.	The members of the Board of Directors are elected by the General Assembly by an absolute majority of the members present, for a term of three (3) years renewable once.	Les membres du Conseil d'Administration sont élus par l'Assemblée Générale à la majorité absolue des membres présents, pour un mandat de trois (3) ans renouvelables une fois.

Ingingo ya 16: Inshingano za Komite Nyobozi	**Article 16: Responsibilities of the Board of Directors**	**Article 16: Responsabilités du Conseil d'Administration**
Komite Nyobozi ni urwego rushinzwe imikorere y'Ishyirahamwe, imicungire y'umutungo waryo no gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange.	The Board of Directors is responsible for the administration of the Association, management of its property and the implementation of decisions taken by the General Assembly.	Le Conseil d'Administration est chargé du fonctionnement de l'Association, de la gestion de ses biens et de l'exécution des décisions prises par l'Assemblée Générale.
Komite Nyobozi ifite kandi inshingano zikurikira: a) Gushyiraho abakozi b'Ubunyamabanga Buhoraho; b) Gutegura amabwiriza agenga Ishyirahamwe agashyikirizwa Inteko Rusange ngo iyemeze; c) Gusaba Inteko Rusange kwemeza iyakirwa cyangwa isezererwa ry'umunyamuryango; d) Gukemura ibindi bibazo byose bitari mu nshingano z'Inteko Rusange; e) Gusaba Inteko Rusange guhindura amategeko shingiro; f) Gushyikiriza Inteko Rusange Ingengo y'imari na raporo y'imicungire	The Board of Directors also has the following obligations: a) Recruit the staff of the permanent secretariat; b) Draft the rules and regulation to be submitted to the General Assembly for approval c) Propose the General Assembly admission or exclusion of the member of Association; d) Settle any other matter not within the competence of the General Assembly; e) Propose to the General Assembly to modify the statutes; f) Submit to the General Assembly drafted budgets and management	Le Conseil d'Administration a également les obligations suivantes: a) Recruter le personnel du Secrétariat Permanent; b) Rédiger le règlement d'ordre intérieur à soumettre à l'Assemblée Générale pour l'approbation; c) Proposer à l'Assemblée Générale pour l'admission d'approbation ou d'exclusion d'un membre de l'Association; d) Régler toute autre question ne faisant pas partie de la compétence de l'Assemblée Générale; e) Proposer à l'Assemblée Générale des modifications des statuts; f) Soumettre à l'Assemblée Générale le projet du budget et rapports de gestion de

y'Ishyirahamwe.	report of the Association.	l'Association.
Ingingo ya 17: Ibibujijwe ugize Komite Nyobozi	**Article 17: Prohibition of the Board of Directors**	**Article 17: Prohibition d'un membre du Conseil d'Administration**
Umunyamuryango uri muri Komite Nyobozi abujijwe gukoresha ububasha afite mu nyungu ze bwite.	A member of the Board of Directors is prohibited from using his power for his personal affairs.	Un membre du Conseil d'Administration est interdit d'utiliser son pouvoir pour ses affaires personnelles.
Ingingo ya 18: Perezida wa Komite Nyobozi	**Article 18: President of the Board of Directors**	**Article 18: Le Président du Conseil d'Administration**
Perezida wa Komite Nyobozi ni na we Perezida w'Ishyirahamwe n'uw'Inteko Rusange akanaba Uhagarariye Ishyirahamwe imbere y'amategeko. Iyo adahari asimburwa na Visi-Perezida.	The President of the Board of Directors is also President of the Association and of the General Assembly as well as the Legal Representative of the Association. In his absence, he is replaced by the Vice-President.	Le Président du Conseil d'Administration est aussi Président de l'Association et de l'Assemblée Générale ainsi que Représentant Légal de l'Association. En son absence il est remplacé par le Vice-Président.
Ingingo ya 19: Itumizwa, iyoborwa n'iterana rya Komite Nyobozi	**Article 19: Convening, chairing and meeting of the Board of Directors**	**Article 19: Convocation, présidence et réunion du Conseil d'Administration**
Komite Nyobozi itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida, iyo atabonetse bikorwa na Visi Perezida. Ishobora guterana biturutse ku cyifuzo cyanditse cya kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. Ubutumire bukorwa mu minsi icumi (10) mbere y'uko inama iba.	The Board of Directors shall be convened and chaired by the President, when absent by the Vice President. It may also meet on written request by at least a third (1/3) of its members. The convocation is done ten (10) days before the day of the meeting.	Le Conseil d'Administration est convoqué et présidé par le Président, en son absence par le Vice-Président. Il peut également se réunir sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres. La convocation se fait dix (10) jours avant le jour de la réunion.
Iterana mu nama zisanzwe rimwe mu gihembwe ku cyicaro cy'Ishyirahamwe cyangwa ahandi aho ari ho hose mu Rwanda	It meets in ordinary meetings once a term at the Association's headquarters or any other place in Rwanda and as often as it seems	Il se réunit en sessions ordinaires une fois par trimestre au siège de l'Association ou en tout autre lieu au Rwanda et chaque fois que de

n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa mu nama zidasanzwe.	necessary in extraordinary sessions.	besoin en réunions extraordinaires.
Komite Nyobozi yemerewe guterana iyo nibura batanu (5) muri barindwi (7) bayigize bayitabiriye. Ihagararirwa muri Komite Nyobozi ntiryemewe.	The Board of Directors sits validly if at least five (5) of its seven (7) members are present. Representation on the Board of Directors is not accepted.	Le Conseil d'Administration siège valablement si au moins cinq (5) de ses sept (7) membres sont présents. La représentation dans le Conseil d'Administration n'est pas acceptée.
Imyanzuro yose ya Komite Nyobozi ifatwa hakurikije ubwiganze burunduye bw'amajwi y'abayigize babonetse. Iyo hatabayeho kwumvikana cyangwa iyo amajwi angana, irya Perezida ni ryo rikemura impaka.	All decisions of the Board of Directors shall be taken by the absolute majority of members present. In case of lack of consensus or in case of equal votes, the president has the casting vote.	Toutes les décisions du Conseil d'Administration sont prises à la majorité absolue des membres présents. Si le consensus fait défaut ou en cas de parité des voix, celle du président est prépondérante.
Ingingo ya 20: Uburyozwe bwa Komite Nyobozi	**Article 20: Joint liability of the Board of Directors**	**Article 20: Responsabilité solidaire du Conseil d'Administration**
Komite Nyobozi ikurikiranwaho hamwe mu bufatanye uko yujuje inshingano zayo mu miyoborere y'Ishyirahamwe. Ariko buri wese mu bayigize abazwa ibirebana n'inshingano aba yaratorewe.	The Board of Directors shall jointly and severally be held accountable to the Association for the performance of their collective duties. However, a member shall be responsible for fulfilment of the duties for which he was elected.	Les membres du Conseil d'Administration sont conjointement et solidairement tenus responsables de l'Association pour l'exercice de leurs fonctions collectives. Cependant, chaque membre doit être responsable de l'exécution des fonctions pour lesquelles il a été élu.
Ingingo ya 21: Imirimo y'ingenzi ya Perezida w'Ishyirahamwe	**Article 21: Major functions of the President of the Association**	**Article 21: Les fonctions principales du Président de l'Association**
Inshingano n'imirimo by'ingenzi bya Perezida w'Ishyirahamwe ni ibi bikurikira:	The main responsibilities and functions of the President of the Association are as follows:	Les responsabilités et les fonctions principales du Président de l'Association sont les suivantes:
1) Guhagararira ishyirahamwe no gukora ibikorwa byose bijyanye n'amategeko	1) To represent the Association and undertake all the legal actions on	1) Représenter l'Association et poser tous les actes juridiques en son nom, en

